Zahinduye Imirishyo i Kinshasa: Perezida Tshisekedi yagaruye Vital Kamerhe na Jean Pierre Bemba muri Guverinoma

March 24, 2023

Perezida Felix Tshisekedi wa DR Congo yakoze impunduka muri guverinoma agira Jean Pierre Bemba minisitiri w'ingabo na Vital Kamerhe minisitiri w'ubukungu, abagabo bombi bazwi cyane muri politiki y'iki gihugu.

Aba bombi ni bamwe mu banyapolitiki bazwi cyane muri DR Congo, muri izi mpinduka kandi bahawe umwanya wa visi minisitiri w'intebe.

Izi mpinduka, zikomeye kurusha uko byari byitezwe, zibaye mbere y'amatora ya perezida ateganyijwe mu Ukuboza(12) uyu mwaka, aho Tshisekedi ashobora kwiyamamariza manda ya kabiri.

Jean Pierre Bemba, wigeze kuva visi perezida wa DR Congo, yafunzwe imyaka 10 muri gereza y'urukiko mpuzamahanga mpanabyaha ku byaha by'intambara yakoze ubwo yari umukuru w'inyeshyamba zakoze ubwicanyi ndengakamere no gufata abagore ku ngufu muri Centrafrique. Yagarutse muri DR Congo mu 2018 arangije igifungo.

Naho Vital Kamerhe, inshuti ya hafi ya Tshisekedi, umwaka ushize yagizwe umwere nyuma yo gufungwa mu 2020 ashinjwa kunyereza imari ya leta igera kuri miliyoni hafi 48 z'amadolari ubwo yari umukuru w'ibiro bya perezida Tshisekedi.

Bemba na Kamerhe ni bamwe mu binjiye muri guverinoma igizwe n'abantu 58 mu mpinduka umuvugizi wa perezida yavuze ko zari

“zikenewe kandi zihutirwa”, mu itangazo ryasomewe kuri televiziyo y’igihugu kuwa kane nijoro.

Bemba na Kamerhe ni bamwe mu bigugu (abantu bakomeye kandi bamaze igihe) muri politiki ya Congo bashobora gukomeza uruhande rwa Tshisekedi mbere y’aya matora.

Undi uzwi mu binjijwe muri leta Mbusa Nyamwisi Antipas wagizwe minisitiri wa leta ushinzwe kwihuza n’akarere ndetse na Francophonie.

Nyamwisi yahoze akuriye inyeshyamba za RCD-Kisangani we na Wamba Dia Wamba zarwanyaga uwari Perezida Laurent Kabila nyuma yaje kwinjira muri leta, aba minsitiri w’igenamigambi kugeza mu 2011 ubwo yeguraga akiyamamariza kuba perezida.

Mu 2012 yahunze igihugu agaruka muri DR Congo mu 2019, bivugwa ko yatahutse nyuma yo guhura no kuganira na Perezida Tshisekedi i Nairobi muri Kenya. (BBC)